



# Nakehi Ni Ibishyimbo

Estevâo Campama
N D Mazin

Yahinduwe na Erika Mittag

Kinyarwanda

African Storybook.org



Umunsi umwe , Nakehi n’umugore we Maria
 Bagiye gusura
Nipapariya n’umugore we , Sarah.



Mu igihe bombi baribahagezeyo, Nipapariya na Sarah n’ubuntu bwinshi babakiriye neza.



Bishe inkoko
barayiteka
bose basangirira
hamwe.



Icyumweru cyakurikiyeho, Nipapariya na Sarah bagiye gusura Nakehi na Maria.



Bagezeyo, Nakehi ntabwo yari mu rugo.



Yari yagiye hanze  gutega umutego  wo gufata igisiga.



Nakehi agarutse,
abona inshuti ze.

Yarishimye cyane.



Yagiye kureba icyo Maria yatekaga.

Yatekaga ibishyimbo.



Yakubise umugeri ibishyimbo maze asohoka munzu yiruka.



Yabwiye inshuti ze umutego yari yashize hafi y'icyari cy'amagi y'igisiga.



Bakivugana, Nakehi yumvise ijwi ry’ igisiga rihamagara.

Iryo hamagara ryamubwiye ikintu.

Inyoni yafatiwe mu umutego!



Nakehi yarasimbutse, ashyira icyuma mu umukandara, yiruka ajya gufata igisiga.



Ahinda umushyitsi n'ibyishimo, afata igisiga n'ukuboko kumwe.



Ukundi kuboko kwe kwegeranya amagi.



Nakehi yerekeje mu rugo yuzuye ishema.

Ariko uko yagendaga, icyuma cye cyacaga umukandara.



N’ishema Nakehi
yazamutse mu
rugo iwe.



Muri ako kanya, umukandara we uranyerera maze umwenda we ugwa ku ibirenge.




Yagerageje gufata umwenda ariko arekura inyoni.

Igisiga kiraguruka.

Amagi agwa hasi arameneka.



Nipapariya na Sarah baraseka kandi baraseka.



Noneho bose bariye ibishyimbo byari bisigaye.

Ufite uburenganzira bwo gukuramo, gukoporora, guhindura cyangwa guhuza iyi nkuru kandi ukoresha amashusho mugihe cyose ubyitiriye muburyo buk urikira:

Nakehi ni Ibishyimbo

**Umwanditsi** -- Estevâo Campama, Simōes Duarte and Zacarias Pedro
**Icyitegererezo** -- N D Mazin
**Ururimi** - Kinyarwanda
**Urwego** - Interuro yambere

© Little Zebra Books 2016
Creative Commons: Attribution 4.0
**Source** www.africanstorybook.org
**Original source** A Lomwe folktale from Northern Mozambique © SIM